

Ibirimo/Summary/Sommaire **page/urup.**

A. Itegeko/Law/Loi

N°001/2016 ryo ku wa 05/02/2016

Itegeko rigena inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'Inama y'Igihugu y'Urubiruko.....3

N°001/2016 of 05/02/2016

Law determining the mission, organisation and functioning of the National Youth Council.....3

N°001/2016 du 05/02/2016

Loi portant mission, organisation et fonctionnement du Conseil National de la Jeunesse.....3

B. Amateka ya Minisitiri w'Intebe/Prime Minister's Orders /Arrêtés du Premier Ministre

N°001/03 ryo ku wa 03/02/2016

Iteka rya Minisitiri w'Intebe ryemerera Umuyobozi gusezerera burundu ku bushake.....21

N°001/03 of 03/02/2016

Prime Minister's Order granting to a Director a deliberate resignation.....21

N° 001/03 du 03/02/2016

Arrêté du Premier Ministre accordant à un Directeur une démission volontaire.....21

N°002/03 ryo ku wa 03/02/2016

Iteka rya Minisitiri w'Intebe ryemerera Umuyobozi guhagarika akazi mu gihe kitazwi.....25

N°002/03 of 03/02/2016

Prime Minister's Order granting leave of absence for a non specific period to a Director....25

N°002/03 du 03/02/2016

Arrêté du Premier Ministre autorisant une mise en disponibilité à un Directeur.....25

N°003/03 ryo ku wa 03/02/2016

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rivana mu mutungo rusange wa Leta ubutaka, n'umutungo utimukanwa urimo.....29

N°003/03 of 03/02/2016

Prime Minister's Order withdrawing land and immovable assets from the State's public property.....29

N°003/03 du 03/02/2016

Arrêté du Premier Ministre portant désaffectation du domaine public de l'Etat les parcelles et les biens immeubles s'y trouvant.....29

C. Iteka rya Minisitiri/Ministerial Order/Arrêté Ministériel

N°001/MINADEF/2016 ryo ku wa 27/01/2016

Iteka rya Minisitiri ryirukana Ba Su-Ofisiye n'Abasirikare Bato mu Ngabo z'u Rwanda....33

N°001/MINADEF/2016 of 27/01/2016

Ministerial Order dismissing Non-Commissioned Officers and Troops from Rwanda Defence Forces.....33

N°001/MINADEF/2016 du 27/01/2016

Arrêté Ministériel portant révocation des Sous-Officiers et des Hommes de Troupe des Forces Rwandaises de Défense.....33

D. Amabwiriza ya Minisitiri/Ministerial Instructions/Instructions Ministérielles

N°006/MOJ/AG 2016 yo ku wa 04/02/2016

Amabwiriza ya Minisitiri ashiraho imirongo ngenderwaho ku Banyamategeko b'inzego za Leta.....39

N°006/MOJ/AG 2016 of 04/02/2016

Ministerial Instructions establishing standards and guidelines for public sector Legal Officers.....39

N° 006/MOJ/AG 2016 du 04/02/2016

Instructions Ministérielles portant fixation des normes et lignes directrices pour les Juristes du secteur public.....39

E. RSB : ITANGAZO/ NOTICE TO THE GENERAL PUBLIC/ AVIS AU PUBLIC

RSB: Amabwiriza y'Igihugu y'Ubuziranenge/National Standards/ Normes Nationales.....54

RSB: Amabwiriza y'Igihugu y'Ubuziranenge atagikoreshwa hamwe n'ayayasimbuye/ Standards as withdrawn standards and their replacing Standards/ Normes annulées et celles qui les ont remplacées.....70

RSB: Official Methods of Analysis.....72

ITEGEKO N°001/2016 RYO KU WA 05/02/2016 RIGENA INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'INAMA Y'IGIHUGU Y'URUBYIRUKO
LAW N°001/2016 OF 05/02/2016 DETERMINING THE MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL YOUTH COUNCIL
LOI N°001/2016 DU 05/02/2016 PORTANT MISSION, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU CONSEIL NATIONAL DE LA JEUNESSE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definition of terms

Article 2 : Définition des termes

Ingingo ya 3: Ubwisanzure bw'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko

Article 3: Autonomy of the National Youth Council

Article 3 : Autonomie du Conseil National de la Jeunesse

Ingingo ya 4: Urwego rureberera Inama y'Igihugu y'Urubyiruko

Article 4: Supervising authority of the National Youth Council

Article 4 : Organe de tutelle du Conseil National de la Jeunesse

Ingingo ya 5: icyicaro cy'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko

Article 5: Head office of the National Youth Council

Article 5 : Siège du Conseil National de la Jeunesse

Ingingo ya 6: Inshingano z'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko

Article 6: Responsibilities of the National Youth Council

Article 6: Attributions du Conseil National de la Jeunesse

UMUTWE WA II : IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'INAMA Y'IGIHUGU Y'URUBYIRUKO

CHAPTER II: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL YOUTH COUNCIL

CHAPITRE II: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU CONSEIL NATIONAL DE LA JEUNESSE

Icyiciro cya mbere: Inzego z'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, imiterere, imikorere n'imikoranire yazo n'izindi nzego

Section One: Organs of the National Youth Council, their organization and functioning and relationship with other organs

Section première : Organes du Conseil National de la Jeunesse, leurs organisation et fonctionnement et relations avec d'autres organes

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

<u>Ingingo ya 7:</u> Inzego z’Inama y’Igihugu y’Urubyiruko	<u>Article 7:</u> Organs of the National Youth Council	<u>Article 7:</u> Organes du Conseil National de la Jeunesse
<u>Ingingo ya 8:</u> Imikoranyire y’Inama y’Igihugu y’Urubyiruko n’izindi inzego	<u>Article 8:</u> Relationship between the National Youth Council and other organs	<u>Article 8:</u> Relations entre le Conseil National de la Jeunesse et d’autres organes
<u>Icyiciro cya 2:</u> Abagize Inzego z’Inama y’Igihugu y’Urubyiruko	<u>Section 2:</u> Members of the National Youth Council	<u>Section 2 :</u> Membres du Conseil National de la Jeunesse
<u>Akiciro ka mbere:</u> Abagize Inteko Rusange	<u>Subsection One:</u> Members of the General Assembly	<u>Sous-section première:</u> Membres de l’Assemblée Générale
<u>Ingingo ya 9:</u> Abagize Inteko Rusange ku rwego rw’Igihugu	<u>Article 9:</u> Members of General Assembly at the national level	<u>Article 9 :</u> Membres de l’Assemblée Générale au niveau national
<u>Ingingo ya 10:</u> Abagize Inteko Rusange ku rwego rw’Akarere	<u>Article 10:</u> Members of the General Assembly at the District level	<u>Article 10:</u> Membres de l’Assemblée Générale au Niveau de District
<u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Inteko rusange ku rwego rw’Umurenge	<u>Article 11:</u> Members of the General Assembly at the Sector level	<u>Article 11:</u> Membres de l’Assemblée Générale au niveau de Secteur
<u>Ingingo ya 12:</u> Abagize Inteko rusange ku rwego rw’Akagari	<u>Article 12:</u> Members of the General Assembly at the Cell level	<u>Article 12:</u> Membres de l’Assemblée Générale au niveau de la Cellule
<u>Ingingo ya 13:</u> Abagize Inteko rusange ku rwego rw’Umudugudu	<u>Article 13:</u> Members of the General Assembly at the Village level	<u>Article 13 :</u> Membres de l’Assemblée Générale au niveau du Village
<u>Akiciro ka 2:</u> Abagize Komite Nyobozi, uko batorwa na manda yabo	<u>Subsection 2:</u> Members of the Executive Committee, modalities for their election and their term of office	<u>Sous-section 2 :</u> Membres du Comité Exécutif, modalités de leur élection et leur mandat
<u>Ingingo ya 14:</u> Abagize Komite Nyobozi	<u>Article 14:</u> Members of the Executive Committee	<u>Article 14 :</u> Membres du Comité Exécutif
<u>Ingingo ya 15:</u> Manda ya Komite Nyobozi n’uburyo abayigize bajyaho	<u>Article 15:</u> Term of office of members of the Executive Committee and modalities for their	<u>Article 15 :</u> Mandat des membres du Comité Exécutif et modalités de leur élection

election

Akicro ka 3: Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Subsection 3: Members of the Executive Secretariat

Sous-section 3: Membres du Secrétariat Exécutif

Ingingo ya 16: Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa n'uko bajyaho

Article 16: Members of the Executive Secretariat and their appointment

Article 16: Membres du Secrétariat Exécutif et leur nomination

Ingingo ya 17: Sitati igenga abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa n'ibibagenerwa

Article 17: Statutes governing members of the Executive Secretariat and their benefits

Article 17: Statut régissant les membres du Secrétariat Exécutif et leurs avantages

Akicro ka 4: Ihagarikwa n'iyirukanwa ry'abagize inzego n'iseswa ryazo

Subsection 4: Suspension and dismissal of members of organs and dissolution of organs

Sous-section 4: Suspension et révocation des membres des organes et dissolution de ces organes

Ingingo ya 18: Ihagarikwa, isimburwa n'iyirukanwa ry'abagize inzego n'iseswa ryazo

Article 18: Suspension, replacement and dismissal of members of organs and dissolution of organs

Article 18: Suspension, remplacement et révocation des membres des organes et dissolution de ces organes

UMUTWE WA III: UMUTUNGO W'INAMA Y'IGIHUGU Y'URUBYIRUKO

CHAPTER III: PROPERTY OF THE NATIONAL YOUTH COUNCIL

CHAPITRE III: PATRIMOINE DU CONSEIL NATIONAL DE LA JEUNESSE

Ingingo ya 19: Umutungo w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'inkomoko yawo

Article 19: Property of the National Youth Council and its sources

Article 19: Patrimoine du Conseil National de la Jeunesse et ses sources

Ingingo ya 20: Imikoreshereze, imicungire, n'imigenzurire by'umutungo

Article 20: Use, management and audit of the property

Article 20: Utilisation, gestion et audit du patrimoine

Ingingo ya 21: Raporo na gahunda y'ibikorwa

Article 21: Activity report and action plan

Article 21: Rapport d'activités et plan d'action

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 22: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Article 22: Drafting, consideration and adoption of this law

Article 22: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

Ingingo ya 23: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko

Article 23: Repealing provision

Article 23: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 24: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 24: Commencement

Article 24: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°001/2016 RYO KU WA
05/02/2016 RIGENA INSHINGANO,
IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE
BY'INAMA Y'IGIHUGU Y'URUBYIRUKO**

**LAW N°001/2016 OF 05/02/2016
DETERMINING THE MISSION,
ORGANISATION AND FUNCTIONING OF
THE NATIONAL YOUTH COUNCIL**

**LOI N°001/2016 DU 05/02/2016 PORTANT
MISSION, ORGANISATION ET
FONCTIONNEMENT DU CONSEIL
NATIONAL DE LA JEUNESSE**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U
RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT, ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 3
Gashyantare 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u
Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015,
cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 38, iya 70, iya
88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 119, iya
120, iya 139 n'iya 176;

Isubiye ku Itegeko n° 24/2003 ryo ku wa
14/08/2003 rigena imikorere n'imiterere y'Inama
y'Igihugu y'Urubiruko nk'uko ryahinduwe kandi
ryujwe kugeza ubu ;

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 3
February 2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in
Articles 38, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 119, 120,
139 and 176;

Having reviewed Law n° 24/2003 of 14/08/2003
determining the functioning and organization of
the National Youth Council as modified and
complemented to date;

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 3
février 2016;

Vu la Constitution de la République du Rwanda
de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses
articles 38, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 119, 120,
139 et 176;

Revu la Loi n° 24/2003 du 14/08/2003
déterminant le fonctionnement et l'organisation
du Conseil National de la Jeunesse telle que
modifiée et complétée à ce jour;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTÉ :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Iri tegeko rigena inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko.

This Law determines the mission, organization and functioning of the National Youth Council.

La présente loi porte mission, organisation et fonctionnement du Conseil National de la Jeunesse.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definition of terms

Article 2 : Définition des termes

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira :

In this law, the following terms shall have the following meanings:

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

1° **Urubyiruko:** umuntu ufite kuva ku myaka cumi n'itandatu (16) kugeza ku myaka mirongo itatu (30) y'amavuko.

1° **youth:** any person aged between sixteen (16) and thirty (30) years;

1° **jeunesse :** toute personne âgée de seize (16) ans à trente (30) ans ;

2° **Inama y'Igihugu y'Urubyiruko:** urubuga urubyiruko ruhuriramo, rukungurana ibitekerezo hagamijwe kwiteza imbere no guteza imbere Igihugu.

2° **National Youth Council:** a platform that provides opportunities for the youth to share ideas for self and national development.

2° **Conseil National de la Jeunesse :** cadre de rencontre de la jeunesse pour l'échange d'idées en vue de leur propre développement et du développement national.

Ingingo ya 3: Ubwisanzure bw'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko

Article 3: Autonomy of the National Youth Council

Article 3 : Autonomie du Conseil National de la Jeunesse

Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ifite ubuzimagatozin'ubwisanzuremu miyoborere nomu micungire y'umutungo n'abakozi byayo.

The National Youth Council shall have legal personality, financial and administrative autonomy.

Le Conseil National de la Jeunesse jouit de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative.

Ingingo ya 4: Urwego rureberera Inama y'Igihugu y'Urubyiruko

Inama y'Igihugu y'Urubyiruko irebererwa na Minisiteri ifite urubyiruko mu nshingano zayo.

Inama y'Igihugu y'Urubyiruko igirana amasezerano y'imihigo na Minisiteri ifite urubyiruko mu nshingano zayo yerekeye gahunda y'ibikorwa n'isuzumamikorere.

Amasezerano y'imihigo agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano bya buri ruhande mu kugeza Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku nshingano zayo.

Ingingo ya 5: Icyicaro cy'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko

Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ifite icyicaro cyayo mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda.

Icyicaro cyayo gishobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda igihe cyose bibaye ngombwa.

Ingingo ya 6: Inshingano z'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko

Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ifite inshingano zikurikira :

- 1° kujya inama no gukora ubuvugizi kuri politiki zisubiza ibibazo by'urubyiruko;

Article 4: Supervising authority of the National Youth Council

The National Youth Council shall be under the supervision of the Ministry in charge of youth.

The National Youth Council shall enter into a performance contract relating to the action plan and evaluation with the Ministry in charge of youth.

The performance contract shall indicate competence, rights and obligations of each party in order to help the National Youth Council to fulfil its mission.

Article 5: Head office of the National Youth Council

The head office of the National Youth Council shall be located in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda.

The head office of the National Youth Council may be transferred elsewhere on the Rwandan territory, if considered necessary.

Article 6: Responsibilities of the National Youth Council

The National Youth Council shall have the following responsibilities:

- 1° to consult on and advocate for policies that are responsive to the problems facing the youth;

Article 4: Organe de tutelle du Conseil National de la Jeunesse

Le Conseil National de la Jeunesse est placé sous la tutelle du Ministère ayant la jeunesse dans ses attributions.

Le Conseil National de la Jeunesse conclut avec le Ministère ayant la jeunesse dans ses attributions un contrat de performance portant sur le plan d'action et l'évaluation.

Le contrat de performance détermine les compétences, les droits et les obligations de chaque partie dans la réalisation de la mission assignée au Conseil National de la Jeunesse.

Article 5: Siège du Conseil National de la Jeunesse

Le siège du Conseil National de la Jeunesse est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda.

Le siège du Conseil National de la Jeunesse peut, en cas de besoin, être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda.

Article 6: Attributions du Conseil National de la Jeunesse

Le Conseil National de la Jeunesse a les attributions suivantes:

- 1° faire des consultations et le plaidoyer en faveur des politiques répondant aux problèmes de la jeunesse ;

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

- | | | |
|--|---|---|
| 2° gushyira mu bikorwa ingamba zigamije guteza imbere urubyiruko ; | 2° to implement youth economic empowerment strategies; | 2° mettre en œuvre les stratégies d'autonomisation économique de la jeunesse; |
| 3° gukangurira urubyiruko kwiga imyuga, ubukorikori n'ikorabuhanga no guhanga umurimo; | 3° to sensitize the youth to take technical, vocational and technological training and embrace entrepreneurship; | 3° sensibiliser la jeunesse à la formation technique, professionnelle et technologique et à l'entrepreneuriat; |
| 4° kugira uruhare mukuvumbura no guteza imbere impano mu rubyiruko. | 4° to participate in the detection and development of talents among the youth; | 4° participer à la détection et au développement des talents chez la jeunesse ; |
| 5° kugira uruhare mu gutoza urubyiruko indangagaciro z'umuco nyarwanda no guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda ; | 5° to contribute to inculcating values of the Rwandan culture into the youth and promoting Ikinyarwanda; | 5° contribuer à l'inculcation des valeurs de la culture rwandaise à la jeunesse et à la promotion d'ikinyarwanda; |
| 6° gukangurira urubyiruko kurwanya jenocide n'ingengabitekerezo yayo, no kurwanya amacakubiri n'ibindi bikorwa byose byasenywa Igihugu; | 6° to sensitize the youth to fight genocide and its ideology, divisionism and any other acts that are likely to destroy the country; | 6° sensibiliser la jeunesse à la lutte contre le génocide, l'idéologie du génocide, le divisionnisme et tous autres actes de nature à détruire le pays; |
| 7° kugira uruhare mu gushyigikira no gukurikirana imikorere y'amakoperative, amashyirahamwe n'indi miryango by'urubyiruko; | 7° to contribute in supporting and monitoring the functioning of youth cooperatives, associations and other youth organizations; | 7° contribuer à soutenir et surveiller le fonctionnement des coopératives, des associations et autres organisations de la jeunesse; |
| 8° gutoza urubyiruko kwikemurira ibibazo no kurukangurira kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo, mu bikorwa byarwo no kujya mu nzego zifata ibyemezo; | 8° to educate the youth on finding solutions to their problems, mobilize them to take part in decision-making processes and in their activities and to join decision-making organs; | 8° éduquer la jeunesse à la recherche des solutions à ses problèmes, la mobiliser à participer aux processus de prise de décisions et à ses activités et à entrer dans les instances de décision; |
| 9° gushyiraho no gukurikirana gahunda zo gukangurira urubyiruko ibijyanye no kwirinda kwishora mu biyobyabwenge, | 9° to put in place and monitor programs aimed at sensitizing the youth to avoid the | 9° mettre en place et faire le suivi des programmes visant à sensibiliser la jeunesse à éviter la consommation de |

kwirinda ibibazo bishingiye ku buzima bw'imyororokere n'izindi ngeso zangiza ubuzima;

10° guteza imbere ubutwererane n'umubano mwiza hagati y'urubyiruko rw'u Rwanda n'urubyiruko rwo mu mahanga.

UMUTWE WA II : IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'INAMA Y'IGIHUGU Y'URUBYIRUKO

Icyiciro cya mbere: Inzego z'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, imiterere, imikorere n'imikoranire yazo n'izindi nzego

Ingingo ya 7: Inzego z'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko

Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ifite inzego eshatu (3) zikurikira:

- 1° Inteko Rusange ni rwo rwego rukuru ruyobora, rukanafata ibyemezo by'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko;
- 2° Komite Nyobozi, ni urwego rushinzwe gushyira mu bikorwa ibyemezo byafashwe n'Inama Rusange no guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa;
- 3° Ubunyamabanga Nshingwabikorwa, ni urwego tekinike rushinzwe imikorere ya buri muni, rugashyira mu bikorwa

use of narcotics, sexual risk behaviours and any other behaviours detrimental to health;

10° to promote cooperation and good relationship between the Rwandan youth and the youth from abroad.

CHAPTER II: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL YOUTH COUNCIL

Section One: Organs of the National Youth Council, their organization and functioning and relationship with other organs

Article 7: Organs of the National Youth Council

The National Youth Council shall have the three (3) following organs:

- 1° the General Assembly which is the supreme management and decision-making organ of the National Youth Council;
- 2° the Executive Committee which is the organ responsible for implementing resolutions of the General Assembly and coordinating partners' activities;
- 3° the Executive Secretariat which is the technical organ responsible for the day-to-day functioning and implementation of

stupéfiants, les comportements sexuels à risque et d'autres vices préjudiciables à la santé ;

10° promouvoir la coopération et les bonnes relations entre la jeunesse du Rwanda et la jeunesse de l'étranger.

CHAPITRE II: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU CONSEIL NATIONAL DE LA JEUNESSE

Section première: Organes du Conseil National de la Jeunesse, leurs organisation et fonctionnement et relations avec d'autres organes

Article 7: Organes du Conseil National de la Jeunesse

Le Conseil National de la Jeunesse a les trois (3) organes suivants :

- 1° l'Assemblée Générale qui est l'organe suprême de direction et de décision du Conseil National de la Jeunesse;
- 2° le Comité Exécutif qui est l'organe de mise en œuvre des résolutions de l'Assemblée Générale et de coordination des activités des partenaires;
- 3° le Secrétariat Exécutif qui est l'organe technique chargé du fonctionnement quotidien et de la mise en œuvre des

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

ibyemezo by'Inama Rusange n'ibya Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu.

the resolutions of the General Assembly and the Executive Committee at the national level.

résolutions de l'Assemblée Nationale et du Comité Exécutif au niveau national.

Inteko Rusange na Komite Nyobozi ziri ku rwego rw'Igihugu, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu. Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bukorera ku rwego rw'Igihugu.

The General Assembly and the Executive Committee shall operate at the national, District, Sector, Cell and Village levels. The Executive Secretariat shall operate at the national level.

L'Assemblée Générale et le Comité Exécutif opèrent au niveau national, de District, de Secteur, de Cellule et de Village. Le Secrétariat Exécutif opère au niveau national.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena inshingano imitunganyirize n'imikorere by'inzego z'Inama y'Igihugu y'Urubiruko n'iz'abagize Komite Nyobozi.

A Prime Minister's Order shall determine the responsibilities, organization and functioning of the organs of the National Youth Council and responsibilities of members of the Executive Committee.

Un Arrêté du Premier Ministre détermine les attributions, l'organisation et le fonctionnement des organes du Conseil National de la Jeunesse et les attributions des membres du Comité Exécutif.

Ingingo ya 8: Imikoranire y'Inama y'Igihugu y'Urubiruko n'izindi inzego

Article 8: Relationship between the National Youth Council and other organs

Article 8: Relations entre le Conseil National de la Jeunesse et d'autres organes

Inzego z'imiyoborere y'Igihugu zikorana n'Inama y'Igihugu y'Urubiruko mu kuyifasha kugera ku nshingano zayo hagamijwe guteza imbere urubiruko.

National administrative entities shall collaborate with the National Youth Council to help achieve its mission towards youth promotion.

Les entités administratives du pays collaborent avec le Conseil National de la Jeunesse pour l'aider à réaliser sa mission en vue de la promotion de la jeunesse.

Inama y'Igihugu y'Urubiruko ikorana n'abafatanyabikorwa, igahuza kandi ibikorwa byabo hagamijwe iterambere ry'urubiruko.

The National Youth Council shall collaborate with partners and coordinate their activities towards youth promotion.

Le Conseil National de la Jeunesse collabore avec des partenaires et coordonne leurs activités visant la promotion de la jeunesse.

Icyiciro cya 2: Abagize Inzego z’Inama y’Igihugu y’Urubyiruko

Akiciro ka mbere: Abagize Inteko Rusange

Ingingo ya 9: Abagize Inteko Rusange ku rwego rw’Igihugu

Inteko Rusange ku rwego rw’Igihugu ni rwo rwego rukuru rw’Inama y’Igihugu y’Urubyiruko.

Igizwe n’aba bakurikira:

1° abagize Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Urubyiruko ku rwego rw’Igihugu;

2° abagize Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Urubyiruko ku rwego rw’Uturere.

Ingingo ya 10: Abagize Inteko Rusange ku rwego rw’Akarere

Inteko Rusange ku rwego rw’Akarere igizwe n’aba bakurikira:

1° abagize Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Urubyiruko ku rwego rw’Akarere;

2° abagize Komite Nyobozi y’Inama

Section 2:Members of the National Youth Council

Subsection One: Members of the General Assembly

Article 9: Members of General Assembly at the national level

The General Assembly at the national level shall be the supreme organ of the National Youth Council.

The General Assembly at the national level shall consist of the following members:

1° members of the Executive Committee of the National Youth Council at the National level;

2° members of the Executive Committee of the National Youth Council at the District level.

Article 10: Members of the General Assembly at the District level

The General Assembly at the District level shall consist of the following members:

1° members of the Executive Committee of the National Youth Council at the District level;

2° members of the Executive Committee of

Section 2: Membres du Conseil National de la Jeunesse

Sous-section première: Membres de l’Assemblée Générale

Article 9: Membres de l’Assemblée Générale au niveau national

L’Assemblée Générale au niveau national est l’organe suprême du Conseil National de la Jeunesse.

L’Assemblée Générale au niveau national comprend les membres suivants :

1° les membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau national ;

2° les membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau de District.

Article 10: Membres de l’Assemblée Générale au Niveau de District

L’Assemblée Générale au niveau de District comprend les membres suivants:

1° les membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau de District;

2° les membres du Comité Exécutif du

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Imirenge.

the National Youth Council at the Sector level.

Conseil National de la Jeunesse au niveau de Secteur.

Ingingo ya 11: Abagize Inteko rusange ku rwego rw'Umurenge

Article 11: Members of the General Assembly at the Sector level

Article 11: Membres de l'Assemblée Générale au niveau de Secteur

Inteko Rusange ku rwego rw'Umurenge igizwe n'aba bakurikira:

The General Assembly at the Sector level shall consist of the following members:

L'Assemblée Générale au niveau de Secteur comprend les membres suivants:

1° abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Umurenge;

1° members of the Executive Committee of the National Youth Council at the Sector level;

1° les membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau de Secteur ;

2° abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akagari.

2° members of the Executive Committee of the National Youth Council at the Cell level.

2° des membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau de Cellule.

Ingingo ya 12: Abagize Inteko rusange ku rwego rw'Akagari

Article 12: Members of the General Assembly at the Cell level

Article 12: Membres de l'Assemblée Générale au niveau de la Cellule

Inteko Rusange ku rwego rw'Akagari igizwe n'aba bakurikira:

The General Assembly at the Cell level shall comprise the following persons:

L'Assemblée Générale au niveau de la Cellule comprend les personnes suivantes:

1° abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akagari;

1° members of the Executive Committee of the National Youth Council at the Cell level;

1° les membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau de la Cellule ;

2° abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Umudugudu.

2° members of the Executive Committee of the National Youth Council at the Village level;

2° les membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau du Village ;

Ingingo ya 13: Abagize Inteko Rusange ku rwego rw'Umudugudu

Article 13: Members of the General Assembly at the Village level

Article 13 : Membres de l'Assemblée Générale au niveau du Village

Inteko Rusange ku rwego rw'Umudugudu igizwe

The General Assembly at the Village level shall

L'Assemblée Générale au niveau du Village

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

n'urubwiruko rwose rutuye muri uwo Mudugudu.	comprise all the youth residing in that Village.	comprend tous les jeunes résidant dans ce Village.
<u>Akiciro ka 2:</u> Abagize Komite Nyobozi, uko batorwa na manda yabo	<u>Subsection 2:</u> Members of the Executive Committee, modalities for their election and their term of office	<u>Sous-section 2:</u> Membres du Comité Exécutif, modalités de leur élection et leur mandat
<u>Ingingo ya 14:</u> Abagize Komite Nyobozi	<u>Article 14:</u> Members of the Executive Committee	<u>Article 14 :</u> Membres du Comité Exécutif
Komite Nyobozi kuri buri rwego igizwe n'aba bakurikira:	The Executive Committee at each level shall comprise the following members:	Le Comité Exécutif à chaque niveau comprend les membres suivants:
1° umuhuzabikorwa;	1° Coordinator;	1° Coordinateur;
2° umuhuzabikorwa wungirije;	2° Deputy Coordinator;	2° Vice-Coordinateur;
3° umunyamabanga;	3° Secretary;	3° Secrétaire;
4° ushinzwe ubukungu;	4° in charge of economic affairs;	4° Chargé des affaires économiques;
5° ushinzwe imibereho myiza;	5° in charge of social affairs;	5° Chargé des affaires sociales ;
6° ushinzwe imiyoborere myiza n'amategeko;	6° in charge of good governance and legal affairs;	6° Chargé de la bonne gouvernance et des affaires juridiques ;
7° ushinzwe itangazamakuru n'ubutwererane;	7° in charge of information and cooperation;	7° Chargé de l'information et de la coopération ;
8° uhagarariye urubwiruko rwiga mu mashuri makuru na Kaminuza aho ayo mashuri ari;	8° a representative of the youth attending universities and institutions of higher learning in the place of location of such universities and institutions;	8° un représentant de la jeunesse étudiant dans des universités et dans les institutions d'enseignement supérieur dans le lieu de situation de ces universités et institutions;
9° uhagarariye urubwiruko rwiga mu mashuri yisumbuye aho ayo mashuri ari.	9° a representative of the youth in secondary schools in the place of location of such	9° un représentant de la jeunesse fréquentant les écoles secondaires dans le lieu de

	schools.	situation de ces écoles.
<u>Ingingo ya 15: Manda ya Komite Nyobozi n'uburyo abayigize bajyaho</u>	<u>Article 15: Term of office of members of the Executive Committee and modalities for their election</u>	<u>Article 15 : Mandat des membres du Comité Exécutif et modalités de leur élection</u>
Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko kuva ku rwego rw'Umudugudu kugeza ku rwego rw'Igihugu batorerwa igihe cy'imyaka itanu (5) gishobora kongerwa rimwe gusa.	Members of the Executive Committee of the National Youth Council shall, from the Village level to the national level, be elected for a term of five (5) years renewable only once.	Les membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse du niveau du Village au niveau national sont élus pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable une seule fois.
Inteko Rusange kuri buri rwego yitoramo Komite Nyobozi.	The General Assembly at each level shall elect from among its members an Executive Committee.	L'Assemblée Générale à chaque niveau élit en son sein un Comité Exécutif.
<u>Akicro ka 3: Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</u>	<u>Subsection 3: Members of the Executive Secretariat</u>	<u>Sous-section 3 : Membres du Secrétariat Exécutif</u>
<u>Ingingo ya 16: Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa n'uko bajyaho</u>	<u>Article 16: Members of the Executive Secretariat and their appointment</u>	<u>Article 16: Membres du Secrétariat Exécutif et leur nomination</u>
Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi babwo.	The Executive Secretariat of the National Youth Council shall be composed of the Executive Secretary and other staff.	Le Secrétariat Exécutif du Conseil National de la Jeunesse est composé du Secrétaire Exécutif et d'autres membres du personnel.
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ashirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.	The Executive Secretary of the National Youth Council shall be appointed to office by a Prime Minister's Order.	Le Secrétaire Exécutif du Conseil National de la Jeunesse est nommé par Arrêté du Premier Ministre.
<u>Ingingo ya 17: Sitati igenga abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa n'ibibagenerwa</u>	<u>Article 17: Statutes governing members of the Executive Secretariat and their benefits</u>	<u>Article 17: Statut régissant les membres du Secrétariat Exécutif et leurs avantages</u>
Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba	Members of the Executive Secretariat shall be governed by the General Statutes for Public	Les membres du Secrétariat Exécutif sont régis par le Statut Général de la Fonction Publique.

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

Leta.

Ibigenyerwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubiyiruko bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ibigenyerwa abandi bakozi b'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bigenwa hakurikijwe amategeko agenga ibyo abakozi ba Leta bagenerwa.

Akicro ka 4: Ihagarikwa n'iyirukanwa ry'abagize inzego n'iseswa ryazo

Ingingo ya 18: Ihagarikwa, isimburwa n'iyirukanwa ry'abagize inzego n'iseswa ryazo

Ibyerekeye ihagarikwa, isimburwa, iyirukanwa ry'abagize inzego z'Inama y'Igihugu y'Urubiyiruko n'iseswa ry'inzego zayo, bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA III: UMUTUNGO W'INAMA Y'IGIHUGU Y'URUBIYIRUKO

Ingingo ya 19: Umutungo w'Inama y'Igihugu y'Urubiyiruko n'inkomoko yawo

Umutungo w'Inama y'Igihugu y'Urubiyiruko ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa, ukomoka kuri ibi bikurikira:

1° ingengo y'imari igenerwana Leta;

Service.

Benefits entitled to the Executive Secretary of the National Youth Council shall be determined by a Prime Minister's Order.

Benefits entitled to other staff members of the Executive Secretariat shall be determined in accordance with legal provisions determining benefits to public servants.

Subsection 4: Suspension and dismissal of members of organs and dissolution of organs

Article 18: Suspension, replacement and dismissal of members of organs and dissolution of organs

The suspension, replacement and dismissal of members of the organs of the National Youth Council as well as the dissolution of its organs shall be determined by a Prime Minister's Order.

CHAPTER III: PROPERTY OF THE NATIONAL YOUTH COUNCIL

Article 19: Property of the National Youth Council and its sources

The property of the National Youth Council shall consist of movable and immovable assets and shall come from the following:

1° State budget allocations;

Les avantages accordés au Secrétaire Exécutif du Conseil National de la Jeunesse sont déterminés par Arrêté du Premier Ministre.

Les avantages accordés aux autres membres du personnel du Secrétariat Exécutif sont déterminés conformément aux dispositions légales déterminant les avantages accordés aux agents de l'Etat.

Sous-section 4: Suspension et révocation des membres des organes et dissolution de ces organes

Article 18: Suspension, remplacement et révocation des membres des organes et dissolution de ces organes

La suspension, le remplacement et la révocation des membres des organes du Conseil National de la Jeunesse ainsi que la dissolution de ses organes sont déterminées par Arrêté du Premier Ministre.

CHAPITRE III: PATRIMOINE DU CONSEIL NATIONAL DE LA JEUNESSE

Article 19: Patrimoine du Conseil National de la Jeunesse et ses sources

Le patrimoine du Conseil National de la Jeunesse est constitué des biens meubles et immeubles et provient des sources suivantes :

1° les dotations budgétaires de l'Etat ;

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

- 2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;
- 3° ibituruka ku mirimo ikora;
- 4° inyungu ku mutungo wayo;
- 5° inguzanyo zihabwa Inama y'Igihugu y'Urubyiruko zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;
- 6° impano n'indagano.

- 2° Government or partner's subsidies;
- 3° income from its activities;
- 4° proceeds from its property;
- 5° loans granted to the National Youth Council and approved by the Minister in charge of Youth;
- 6° donations and bequests.

- 2° les subventions de l'Etat ou des partenaires;
- 3° les revenus provenant de ses activités ;
- 4° le produit de son patrimoine ;
- 5° les crédits accordés au Conseil National et approuvés par le Ministre ayant la Jeunesse dans ses attributions ;
- 6° dons et legs.

Ingingo ya 20: Imikoreshereze, imicungire, n'imigenzurire by'umutungo

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko bikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko abigenga.

Ingingo ya 21: Raporo na gahunda y'ibikorwa

Buri mwaka, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ishyikiriza Minisitiri ufite urubyiruko mu nshingano ze raporo na gahunda by'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari.

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 22: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Article 20: Use, management and audit of the property

The use, management and audit of the property of the National Youth Council shall be carried out in accordance with the relevant legal provisions.

Article 21: Activity report and action plan

The National Youth Council annually submits its activity report, action plan and financial report to the Ministry in charge of youth.

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

Article 22: Drafting, consideration and adoption of this law

This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.

Article 20: Utilisation, gestion et audit du patrimoine

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine du Conseil National de la Jeunesse sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière.

Article 21: Rapport d'activités et plan d'action

Le Conseil National de la Jeunesse soumet annuellement son rapport d'activités, son plan d'action et son rapport financier au Ministre ayant la jeunesse dans ses attributions.

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Article 22: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en ikinyarwanda.

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

Ingingo ya 23: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko

Itegeko n° 24/2003 ryo kuwa 14/08/2003 rigena imikorere n'imiterere y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe n'ingingo z'andi mategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo bivanyweho.

Ingingo ya 24: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **05/02/2016**

Article 23: Repealing provision

The Law n° 24/2003 of 14/08/2003 establishing the functioning and organisation of the National Youth Council as modified and complemented to date and all prior legal provisions inconsistent with this law are hereby repealed.

Article 24: Commencement

This law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **05/02/2016**

Article 23: Disposition abrogatoire

La Loi n° 24/2003 du 14/08/2003 déterminant le fonctionnement et l'organisation du Conseil National de la Jeunesse telle que modifiée et complétée à ce jour ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 24: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **05/02/2016**

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE PRIME MINISTER'S ORDER N°001/03 OF ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°001/03 RYO KU WA 03/02/2016 03/02/2016 GRANTING TO A DIRECTOR N°001/03 DU 03/02/2016 ACCORDANT A
RYEMERERA UMUYOBOZI A DELIBERATE RESIGNATION UN DIRECTEUR UNE DEMISSION
GUSEZERERA BURUNDU KU VOLONTAIRE
BUSHAKE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Gusezera ku bushake **Article One:** Deliberate resignation **Article premier :** Démission volontaire

Ingingo ya 2: Abashinzwe kubahiriza iri Teka **Article 2:** Authorities responsible for the implementation of this Order **Article 2 :** Autorités chargées de l'exécution du présent Arrêté

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri Teka **Article 3 :** Repealing provision **Article 3 :** Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4: Igihe Iteka ritangira gukurikizwa **Article 4 :** Commencement **Article 4 :** Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE PRIME MINISTER'S ORDER N°001/03 ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 001/03
N°001/03 RYO KU WA 03/02/2016 OF 03/02/2016 GRANTING TO A DU 03/02/2016 ACCORDANT A UN
RYEMERERA UMUYOBOZI DIRECTOR A DELIBERATE DIRECTEUR UNE DEMISSION
GUSEZERERA BURUNDU KU BUSHAKE RESIGNATION VOLONTAIRE**

Minisitiri w'Intebe,

The Prime Minister,

Le Premier Ministre,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n°86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 90 n'iya 91;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 on general statutes for public service, especially in Articles 90 and 91;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en ses articles 90 et 91;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/10/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 14/10/2015;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 14/10/2015;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE :

Ingingo ya mbere: Gusezera ku bushake

Article One: Deliberate resignation

Article premier : Démission volontaire

Bwana RUSERA Sandy, “*Director of Capital Market and investment Schemes Unit*” muri Minisitiri y’Imari n’Igenamigambi yemerewe gusezera burundu ku bushake mu Bakozi ba Leta.

Mr. RUSERA Sandy, Director of Capital Market and investment Schemes Unit in the Ministry of Finance and Economic Planning is hereby granted a deliberate resignation from public service.

Il est accordé une démission volontaire parmi les Agents de l’Etat à Monsieur RUSERA Sandy, “*Director of Capital Market and investment Schemes Unit*” dans le Ministère des Finances et de la Planification Economique.

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

Ingingo ya 2: Abashinzwe kubahiriza iri Teka

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi basabwe kubahiriza iri teka.

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent Arrêté

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Article 3 : Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 3 : Disposition abrogatoire

Toutes les autres dispositions antérieures contraires au présent Arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 4: Igihe Iteka ritangira gukurikizwa

Iri Teka ritangira gukurikizwa ku muni rishyiriweho umukono. Agaciro karyo gahera ku wa 14/10/2015.

Article 4 : Commencement

This Order shall come into force on the date of its signature. It takes effect as of 14/10/2015.

Article 4 : Entrée en vigueur

Le présent Arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 14/10/2015.

Kigali, ku wa **03/02/2016**

Kigali, on **03/02/2016**

Kigali, le **03/02/2016**

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)

MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)

MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

(sé)

UWIZEYE Judith
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

(sé)

UWIZEYE Judith
Minister of Public Service and Labour

(sé)

UWIZEYE Judith
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice / Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 002/03 PRIME MINISTER'S ORDER N°002/03 OF ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°002/03
RYO KU WA 03/02/2016 RYEMERERA 03/02/2016 GRANTING LEAVE OF DU 03/02/2016 AUTORISANT UNE MISE EN
UMUYOBOZI GUHAGARIKA AKAZI MU ABSENCE FOR A NON SPECIFIC PERIOD DISPONIBILITE A UN DIRECTEUR
GIHE KITAZWI TO A DIRECTOR

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Guhagarika akazi

Article One: Leave of Absence

Article premier : Mise en disponibilité

Ingingo ya 2 : Abashinzwe kubahiriza iri teka

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 2 : Autorités chargées de l'exécution du présent Arrêté

Ingingo ya 3 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri Teka

Article 3 : Repealing provision

Article 3 : Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4 : Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 4 : Commencement

Article 4 : Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE PRIME MINISTER'S ORDER N°002/03 F ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°002/03
N°002/03 RYO KU WA 03/02/2016 03/02/2016 GRANTING LEAVE OF DU03/02/2016 AUTORISANT UNE MISE EN
RYEMERERA UMUYOBOZI ABSENCE FOR A NON SPECIFIC PERIOD DISPONIBILITE A UN DIRECTEUR
GUHAGARIKA AKAZI MU GIHE KITAZWI TO A DIRECTOR**

Minisitiri w'Intebe,

The Prime Minister,

Le Premier Ministre,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo, zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n' iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 87 n' iya 88;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Articles 87 and 88;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en ses articles 87 et 88 ;

Inama y' Abaminisitiri yateranye ku wa 14/10/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 14/10/2015;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 14/10/2015 ;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Guhagarika Akazi

Article One: Leave of Absence

Article premier : Mise en disponibilité

Bwana MUGISHA Fred, “*Director of Policy, Research and Planning Unit*” mu Nama y'Igihugu y'Amashuri Makuru (HEC) yemerewe kuhagarika akazi mu gihe kitazwi.

Mr. MUGISHA Fred, Director of Policy, Research and Planning Unit in Higher Education Council (HEC) is hereby granted a leave of absence for a non- specific period.

Il est autorisé une mise en disponibilité à Monsieur MUGISHA Fred, “*Director of Policy, Research and Planning Unit*” au sein du Haut Conseil de l'Enseignement Supérieur (HEC).

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

Article 2: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Minisitiri w'Uburezi, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi basawe kubahiriza iri teka.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni rishyiriweho umukono. Agaciro karyo gahera kuwa 14/10/2015.

Kigali, ku wa **03/02/2016**

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Minister of Education, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

Article 3: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 4: Commencement

This Order shall come into force on the date of its signature. It takes effect as of 14/10/2015.

Kigali, on **03/02/2016**

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Ministre de l'Education, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 3: Disposition abrogatoire

Toutes les autres dispositions antérieures et contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 4: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 14/10/2015.

Kigali, le **03/02/2016**

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)

UWIZEYE Judith
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)

UWIZEYE Judith
Minister of Public Service and Labour

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice / Attorney General

(sé)

MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

(sé)

UWIZEYE Judith
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE
N°003/03 RYO KU WA 03/02/2016 RIVANA
MU MUTUNGO RUSANGE WA LETA
UBUTAKA, N'UMUTUNGO UTIMUKANWA
URIMO

PRIME MINISTER'S ORDER N°003/03 OF
03/02/2016 WITHDRAWING LAND AND
IMMOVABLE ASSETS FROM THE STATE'S
PUBLIC PROPERTY

ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°003/03 DU 03/02/2016 PORTANT
DESAFFECTATION DU DOMAINE
PUBLIC DE L'ETAT LES PARCELLES
ET LES BIENS IMMEUBLES S'Y
TROUVANT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Kuvanwa mu Mutungo
Rusange wa Leta

Article One: Withdrawal from the State's
Public Property

Article Premier: Transfert du Domaine
Public de l'Etat

Ingingo ya 2: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Article 2: Authorities responsible for the
implementation of this Order

Article 2: Autorités chargées de l'exécution
du présent arrêté

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo
zinyuranyije n'iri Teko

Article 3: Repealing provision

Article 3: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4: Igihe Iteka ritangirira
gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4: Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°003/03 RYO KU WA 03/02/2016 RIVANA MU MUTUNGO RUSANGE WA LETA UBUTAKA, N'UMUTUNGO UTIMUKANWA

PRIME MINISTER'S ORDER N°003/03 OF 03/02/2016 WITHDRAWING LAND AND IMMOVABLE ASSETS FROM THE STATE'S PUBLIC PROPERTY

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°003/03 DU 03/02/2016 PORTANT DESAFFECTATION DU DOMAINE PUBLIC DE L'ETAT LES PARCELLES ET LES BIENS IMMEUBLES

Minisitiri w'Intebe;

The Prime Minister;

Le Premier Ministre;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 44, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 44, 120, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 2003 révisée en 2015 spécialement en ses articles 44, 120, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 43/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo iya 12 n'iya 14;

Pursuant to Law n° 43/2013 of 16/06/2013 governing land in Rwanda especially in Articles 12 and 14;

Vu la Loi n°43/2013 du 16/06/2013 portant régime foncier au Rwanda spécialement en ses articles 12 et 14;

Bisabwe na Minisitiri w'Ibikorwa Remezo;

On proposal by the Minister of Infrastructure;

Sur proposition du Ministre des Infrastructures;

Bimaze gusuzumwa no kwemezwa n'inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 08/12/ 2015;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 08/12/ 2015;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 08/12 /2015;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Ivanwa mu Mutungo Rusange wa Leta

Article One: Withdrawal from the State's Public Property

Article Premier: Transfert du Domaine Public de l'Etat

Ubutaka n'umutungo utimukanwa biri mu kibanza n° 1131 kiri mu Kagari ka Kiyovu, Umurenge wa Nyarugenge, mu Karere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali, gifite ubuso bungana na 2347 m² bivanywe mu mutungo rusange wa Leta, bigiye mu Mutungo Bwite wayo.

The land and immovable erected in a plot n° 1131 located in Kiyovu Cell, Nyarugenge Sector, Nyarugenge District, Kigali City, with a surface of 2347 sqm are hereby transferred from Public State's Property to Private State's Property.

Le terrain et les biens immeubles se trouvant dans la parcelle n° 1131 située dans la Cellule Kiyovu, Secteur Nyarugenge, District de Nyarugenge dans la Ville de Kigali, ayant une superficie de 2347 m² sont désaffectés du Domaine Public et affectés au Domaine Privé

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

<p><u>Ingingo ya 2:</u> Abashinzwe kubahiriza iri teka</p> <p>Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, Minisitiri w'Umutungo Kamere na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu basabwe kubahiriza iri teka.</p>	<p><u>Article 2:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p> <p>The Minister of Infrastructure, the Minister of Natural Resources and the Minister of Local Government are entrusted with the implementation of this Order.</p>	<p>de l'Etat.</p> <p><u>Article 2:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</p> <p>Le Ministre des Infrastructures, le Ministre des Ressources Naturelles et le Ministre de l'Administration Locale sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri Teko</p> <p>Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p>	<p><u>Article 3:</u> Repealing provision</p> <p>All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.</p>	<p><u>Article 3:</u> Disposition abrogatoire</p> <p>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent Arrêté sont abrogées.</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Igihe Iteka ritangirira gukurikizwa.</p> <p>Iri Teko ritangira gukurikizwa ku muni ritangirijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><u>Article 4:</u> Commencement</p> <p>This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 4:</u> Entrée en vigueur</p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
<p>Kigali, ku wa 03/02/2016</p>	<p>Kigali, on 03/02/2016</p>	<p>Kigali, le 03/02/2016</p>

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

(sé)
MUSONI James
Minisitiri w'Ibikorwa Remezo

(sé)
MUSONI James
Minister of Infrastructure

(sé)
MUSONI James
Ministre des Infrastructures

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/ Garde des sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI
N°001/MINADEF/2016 RYO KU WA
27/01/2016 RYIRUKANA BA SU-OFISIYE
N'ABASIRIKARE BATO MU NGABO Z'U
RWANDA

MINISTERIAL ORDER
N°001/MINADEF/2016 OF 27/01/2016
DISMISSING NON-COMMISSIONED
OFFICERS AND TROOPS FROM
RWANDA DEFENCE FORCES

ARRETE MINISTERIEL
N°001/MINADEF/2016 DU 27/01/2016
PORTANT REVOCATION DES SOUS-
OFFICIERS ET DES HOMMES DE
TROUPE DES FORCES RWANDAISES
DE DEFENSE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Ba Su-Ofisiye
n'Abasirikare bato birukanwe

Article One: Non-Commissioned Officers
and Troops dismissed

Article premier: Sous-Officiers et des
Hommes de Troupe revués

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo
zinyuranyije n'iri teka

Article 2: Repealing provision

Article 2: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira
gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI
N°001/MINADEF/2016 RYO KU WA
27/01/2016 RYIRUKANA BA SU-OFISIYE
N'ABASIRIKARE BATO MU NGABO Z'U
RWANDA**

**MINISTERIAL ORDER
N°001/MINADEF/2016 OF 27/01/2016
DISMISSING NON-COMMISSIONED
OFFICERS AND TROOPS FROM
RWANDA DEFENCE FORCES**

**ARRETE MINISTERIEL
N°001/MINADEF/2016 DU 27/01/2016
PORTANT REVOCATION DES SOUS-
OFFICIERS ET DES HOMMES DE
TROUPE DES FORCES RWANDAISES
DE DEFENSE**

Minisitiri w'Ingabo,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122, iya 159 n'ya 176;

Ashingiye ku Itegeko n°10/2011 ryo ku wa 13/05/2011 rigena inshingano, imiterere n'ububasha by'Ingabo z'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 6;

Ashingiye ku Itegeko n° 38/2015 ryo ku wa 30/07/2015 rigena igabanya ry'umubare w'abagize Ingabo z'u Rwanda, kubakura ku murimo, kubashyirira mu buzima busanzwe no kubirukana, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 7;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 16/12/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere: Ba Su-Ofisiye n'Abasirikare bato birukanwe

Ba Su-Ofisiye n'Abasirikare bato bo mu Ngabo z'u Rwanda bari ku mugereka w'iri teka

Minister of Defence,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003, revised in 2015, especially in Articles 121, 122, 159 and 176;

Pursuant to Law n° 10/2011 of 13/05/2011 determining missions, organization and powers of the Rwanda Defence Forces, especially in Article 6;

Pursuant to Law n° 38/2015 of 30/07/2015 on downsizing, discharge, demobilization and dismissal in Rwanda Defence Forces, especially in Article 7;

After consideration and adoption by the Cabinet in its session of 16/12/2015;

ORDERS:

Article One: Non-Commissioned Officers and Troops dismissed

The Non-Commissioned Officers and Troops of Rwanda Defence Forces whose names

Ministre de la Défense,

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122, 159 et 176;

Vu la Loi n° 10/2011 du 13/05/2011 portant missions, organisation et compétences des Forces Rwandaises de Défense, spécialement en son article 6;

Vu la Loi n°38/2015 du 30/07/2015 portant réduction des effectifs, relèvement des fonctions, démobilisation et révocation au sein des Forces Rwandaises de Défense, spécialement en son article 7;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 16.12/2015;

ARRETE:

Article premier: Sous-Officiers et des Hommes de Troupe revoués

Des Sous-Officiers et des Hommes de Troupe des Forces Rwandaises de Défense dont les

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

birukanywe mu Ngabo z'u Rwanda.

appear on the annex of this Order are dismissed from Rwanda Defence Forces. noms se trouvent en annexe du présent arrêté sont révoqués des Forces Rwandaises de Défense.

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 2: Repealing provision

Article 2: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 07/12/2015.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 07/12/2015.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 07/12/2015.

Kigali, ku wa 27/01/2016

Kigali, on 27/01/2016

Kigali, le 27/01/2016

(sé)
Jenerali James KABAREBE
Minisitiri w'Ingabo

(sé)
General James KABAREBE
Minister of Defence

(sé)
Général James KABAREBE
Ministre de la Défense

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

UMUGEREKA W'ITEKA RYA MINISITIRI N°001/MINADEF/2016 RYO KU WA 27/01/2016 RYIRUKANA BA SU- OFISIYE N'ABASIRIKARE BATO MU NGABO Z'U RWANDA

ANNEX TO MINISTERIAL ORDER N°001/MINADEF/2016 OF 27/01/2016 DISMISSING NON-COMMISSIONED OFFICERS AND TROOPS FROM RWANDA DEFENCE FORCES

ANNEXE A L'ARRETE MINISTERIEL N°001/MINADEF/2016 .DU 27/01/2016 PORTANT REVOCATION DES SOUS-OFFICIERS ET DES HOMMES DE TROUPE DES FORCES RWANDAISES DE DEFENSE

BA SU-OFISIYE N'ABASIRIKARE BATO BIRUKANWE MU NGABO Z'U RWANDA

DISMISSED NON-COMMISSIONED OFFICERS AND TROOPS FROM RWANDA DEFENCE FORCES

SOUS-OFFICIERS ET DES HOMMES DE TROUPE DES FORCES RWANDAISES DE DEFENSE REVOQUES

S/N	Service N°.	RANK	FULL NAMES
1	16445	Staff Sergeant	HABINEZA Kajangwe Innocent
2	24671	Staff Sergeant	TWAGIRAYEZU Alex
3	33361	Sergeant	NDAGIYIHANGU Germain
4	65013	Sergeant	NDAYISENGA Wellars
5	86867	Sergeant	NDAYAMBAJE Peter
6	71925	Corporal	NIYONZIMA Jean
7	90877	Corparal	HAVUGAMENSHI Pascal
8	88584	Corporal	NDATINYA Joseph
9	99340	Corporal	AFRICA Alex

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

10	99657	Corporal	MUKIMBIRI Enoch
11	102385	Corporal	SIBOMANA Gabriel
12	96703	Private	DUSABEMUNGU Theoneste
13	104618	Private	NIZEYIMANA Jean Paul
14	105476	Private	MUTIJIMA Augustin
15	105915	Private	MUGISHA Patrick
16	106683	Private	BAVUGIRIJE Emmanuel
17	106913	Private	HABANABAKIZE Peter
18	107304	Private	RUKUNDO Sam
19	108592	Private	TWIZERIMANA Alphonse
20	111182	Private	SEBAHIRE Simeon Stone

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

**BIBONYWE KUGIRA NGO BISHYIRWE KU
ITEKA RYA MINISITIRI
N°001/MINADEF/2016 RYO KU WA 27/01/2016
RYIRUKANA BA SU- OFISIYE
N'ABASIRIKARE BATO MU NGABO Z'U
RWANDA**

**SEEN TO BE ANNEXED TO THE
MINISTERIAL ORDER
N°001/MINADEF/2016 OF 27/01/2016
DISMISSING NON-COMMISSIONED
OFFICERS AND TROOPS FROM
RWANDA DEFENCE FORCES**

**VU POUR ETRE ANNEXE A L'ARRETE
MINISTERIEL N°001/MINADEF/2016 DU
27/01/2016 PORTANT REVOCATION DES
SOUS-OFFICIERS ET DES HOMMES DE
TROUPEDES FORCES RWANDAISES DE
DEFENSE**

Kigali, ku wa **27/01/2016**

(sé)

Jenerali James KABAREBE

Minisitiri w'Ingabo

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **27/01/2016**

(sé)

General James KABAREBE

Minister of Defence

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice/ Attorney General

Kigali, le **27/01/2016**

(sé)

Général James KABAREBE

Ministre de la Défense

Vu et scellé du Sceau de la République

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

AMABWIRIZA YA MINISITIRI N°006/MOJ/AG 2016 YO KU WA 04/02/2016 ASHYIRAHO IMIRONGO NGENDERWAHO KU BANYAMATEGEKO B'INZEGO ZA LETA	MINISTERIAL INSTRUCTIONS N°006/MOJ/AG 2016 OF 04/02/2016 ESTABLISHING STANDARDS AND GUIDILINES FOR PUBLIC SECTOR LEGAL OFFICERS	INSTRUCTIONS MINISTERIELLES N°006/MOJ/AG 2016 DU 04/02/2016 PORTANT FIXATION DES NORMES ET LIGNES DIRECTRICES POUR LES JURISTES DU SECTEUR PUBLIC
---	---	---

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza
agamije**

Article One: Purpose of these instructions

**Article premier: Objet des présentes
instructions**

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définition des termes

**UMUTWE WA II: IMIRONGO
NGENDERWAHO KU
BANYAMATEGEKO B'INZEGO ZA LETA**

**CHAPTER II: STANDARDS AND
GUIDILINES FOR PUBLIC SECTOR
LEGAL OFFICERS**

**CHAPITRE II: NORMES ET LIGNES
DIRECTRICES POUR LES JURISTES DU
SECTEUR PUBLIC**

Ingingo ya 3: Inshingano z'Umunyamategeko

Article 3: Responsibilities of a Legal Officer

Article 3: Attributions d'un juriste

**Ingingo ya 4: Inshingano yihariye
y'umunyamategeko yo kuburana**

**Article 4: Specific role of a legal officer in
handling civil litigation**

**Article 4: Attribution spécifique du juriste
dans le traitement du contentieux des affaires
civiles**

**Ingingo ya 5: Kugaragaza neza amategeko
akoresha no kuvugisha ukuri**

**Article 5: Accurate and honest appraisal of
applicable law**

**Article 5: Analyse précise et honnête de la loi
applicable**

**Ingingo ya 6: Guha agaciro inama
umunyamategeko ahawe n'Intumwa Nkuru
ya Leta**

**Article 6: Due respect of Attorney General's
opinion**

**Article 6: Se rallier à l'avis du Garde des
Sceaux**

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

Ingingo ya 7: Inama mu rwego rw'amategeko zanditse

Article 7: Written Legal Opinions

Article 7: Avis juridiques écrits

Article 8: Ubufatanye hagati ya Minisiteri y'Ubutabera/ Serivisi z'Intumwa Nkuru ya Leta n'abanyamategeko ba Leta

Article 8: Collaboration between the Ministry of Justice/Attorney General's Office and Government's Legal Officers

Article 8: Collaboration entre le Ministère de la Justice /Garde des Sceaux et les juristes du Gouvernement

Ingingo ya 9: Kumenyeshya

Article 9: Notification

Article 9: Briefing

Ingingo ya 10: Ibisabwa kugira ngo umuntu ashwirwe mu mwanya w'akazi

Article 10: Job profile

Article 10: Profil d'emploi

Ingingo ya 11: Imyitwarire

Article 11: Behavior

Article 11: Comportement

Ingingo ya 12: Kugongana kw'inyungu

Article 12: Conflict of interest

Article 12: Conflit d'intérêt

Ingingo ya 13: Ibanga

Article 13: Confidentiality

Article 13: Confidentialité

UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA

CHAPTER III: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 14: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Article 14: Repealing provision

Article 14: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 15: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Article 15: Commencement

Article 15: Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

AMABWIRIZA YA MINISITIRI N°006/MOJ/AG 2016 YO KU WA 04/02/2016 ASHYIRAHO IMIRONGO NGENDERWAHO KU BANYAMATEGEKO B'INZEGO ZA LETA	MINISTERIAL INSTRUCTIONS N°006/MOJ/AG 2016 OF 04/02/2016 ESTABLISHING STANDARDS AND GUIDILINES FOR PUBLIC SECTOR LEGAL OFFICERS	INSTRUCTIONS MINISTERIELLES N°006/MOJ/AG 2016 DU 04/02/2016 PORTANT FIXATION DES NORMES ET LIGNES DIRECTRICES POUR LES JURISTES DU SECTEUR PUBLIC
--	--	--

The Minister of Justice/Attorney General;

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta;

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2004, as amended to date;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 40/03 ryo ku wa 25/04/2014 rigena ishingano, imbonerahamwe n'incamake y'imyanya y'imirimo bya Minisitiri y'Ubutabera/ Serivisi z'intumwa nkuru ya Leta;

Pursuant to Prime Minister's Order n° 40/03 of 25/04/2014 determining the mission, functions, organizational structure and summary of job positions of the Ministry of Justice/Attorney General's Office;

Vu l'Arrêté du Premier Ministre n° 40/03 du 25/04/2014 portant mission, fonction, structure organisationnelle et synthèse des emplois du Ministère de la Justice / Services du Garde des Sceaux;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 9/9/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 9/9/2015;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 9/9/2015;

ASHYZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:

HEREBY ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:

DONNE LES INSTRUCTIONS SUIVANTES:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza agamije

Article One: Purpose of these instructions

Article premier: Objet des présentes instructions

Aya mabwiriza ashiraho imirongo ngenderwaho ku banyamategeko b'inzege za Leta.

These instructions establish standards and guidelines for public sector legal officers.

Les présentes instructions portent fixation des normes et lignes directrices pour les juristes du secteur public.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:

- 1° “**umunyamategeko**” rikoresha no ku mujyanama mu by'amategeko, usibye mu gihe biteganyijwe ukundi;
- 2° “**umunyamategeko wa Leta**” bivuga umukozi wa Leta wese cyangwa umuntu wikorera ku giti cy'e cyangwa inzu y'abajyanama mu mategeko batanga inama mu by'amategeko kuri Leta cyangwa ku bigo bya Leta.

UMUTWE WA II: IMIRONGO NGENDERWAHO KU BANYAMATEGEKO B'INZEGO ZA LETA

Ingingo ya 3: Inshingano z'Umunyamategeko

Inshingano z'umunyamategeko ni izi zikurikira:

- 1° gukora ku buryo ibikorwa bya Leta cyangwa iby'izindi nzego zayo bikorwa mu buryo bukurikije amategeko, mbere y'uko hafatwa ibyemezo bijyanye na byo.
- 2° gutegura amasezerano, kuyumvikanaho no kuyasubiramo ndetse no kuyatangaho ibitekerezo mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ryayo;

Article 2: Definitions of terms

In these instructions, the following terms shall be defined as follows:

- 1° “**a legal officer**” shall also apply to “a legal advisor” unless otherwise specified;
- 2° “**a Government legal officer**” means any civil servant or any private individual or firm providing legal advice to the Government or Public institutions.

CHAPTER II: STANDARDS AND GUIDILINES FOR PUBLIC SECTOR LEGAL OFFICERS

Article 3: Responsibilities of a Legal Officer

Responsibilities of a legal officer are:

- 1° to ensure that activities of Government or public institutions are carried out in accordance with the Law before any related decisions are taken;
- 2° to draft, negotiate and review contracts as well as providing legal advice during their execution;

Article 2: Définition des termes

Dans les présentes instructions, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

- 1° “**juriste**” s'applique également au “conseiller juridique”, à moins de dispositions contraires;
- 2° “**conseiller juridique du gouvernement**” inclue tout agent de l'Etat ou tout individu privé ou cabinet donnant des conseils juridiques au Gouvernement ou Institution publiques.

CHAPITRE II: NORMES ET LIGNES DIRECTRICES POUR LES JURISTES DU SECTEUR PUBLIC

Article 3: Attributions d'un juriste

Les attributions d'un juriste sont les suivantes:

- 1° s'assurer que les activités du Gouvernement ou celles de ses institutions sont légalement fondées avant qu'une décision à leur égard soit prise;
- 2° rédiger, négocier et réviser les contrats et fournir des conseils juridiques lors de leur gestion;

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

- | | | |
|--|--|--|
| 3° gutanga ibitekerezo ku bijyanye n'iyubahirizwa ry'amategeko ku byemezo bifatwa n'abakozi n'ibindi byemezo by'ubuyobozi kimwe n'ibindi bibazo byose bijyanye n'amategeko; | 3° to provide opinion on enforcement of the law on staff related decisions and on any other administrative decisions as well as on any other legal issues; | 3° donner des avis sur la légalité de décisions prises par les membres du personnel et sur toute autre décision administrative ainsi que sur toute autre question juridique; |
| 4° kugira uruhare mu bikorwa bijyanye n'itegurwa ry'amategeko, amateka, amabwiriza n'izindi nyandiko z'amategeko kimwe no kuzisobanura kugira ngo ibikorwa byose bikorwe mu buryo bwubahirije amategeko; | 4° to participate in activities of preparation of laws, orders, regulations and any other legal documents as well as in their interpretation to ensure that any action carried out is done in accordance with the Law; | 4° participer dans la rédaction des lois, arrêtés, règlements et autres textes de lois ainsi que dans leur interprétation afin de s'assurer de la légalité des actions; |
| 5° gusuzuma no gutanga inama ku bijyanye n'itangwa ry'amasoko n'inyandiko zerekeranye nabyo mbere yo gusinya amasezerano; | 5° to review and advise on issues related to the procurement process and the related documents before signing the contracts; | 5° réviser et donner des conseils sur la légalité de la procédure de passation des marchés et des documents avant la signature des contrats; |
| 6° gutanga inama mu ikorwa n'iyemezwa ry'amasezerano mpuzamahanga, u Rwanda rwashyizeho umukono. | 6° to advise on negotiation and ratification of international treaties and agreements to which Rwanda is a party. | 6° conseiller et négocier des conventions traités et accords internationaux auxquels le Rwanda est partie. |

Ingingo ya 4: Inshingano yihariye y'umunyamategeko yo kuburana

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 3 y'aya mabwiriza, umunyamategeko afite inshingano zihariye zikurikira zerekeranye no kuburana imanza za Leta:

- 1° kuburanira Leta cyangwa inzego zayo no kuyiha ubufasha mu bibazo byose byerekeranye n'amategeko;

Article 4: Specific role of a legal officer in handling civil litigation

Without prejudice to provisions of Article 3 of these instructions, a legal officer shall have the following specific responsibilities when handling civil litigation:

- 1° to represent the Government or its institutions before the law and to provide legal assistance in any legal issues;

Article 4: Attribution spécifique du juriste dans le traitement du contentieux des affaires civiles

Sans préjudice aux dispositions de l'article 3 des présentes instructions, le juriste a les attributions spécifiques suivantes relatives au traitement du contentieux des affaires civiles:

- 1° donner une assistance juridique au Gouvernement ou aux organes publics dans le contentieux et sur d'autres questions juridiques;

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

- | | | |
|--|---|--|
| 2° gutegura imyanzuro y'imanza yo gushyikiriza urukiko no guhagararira ikigo mu rukiko, mu gihe umunyamategeko abifitiye ububasha; | 2° to prepare submissions to be submitted to the court and to represent the institution before the court in case he or she is competent to do so; | 2° préparer les conclusions à transmettre aux juridictions et représenter l'institution au sein de laquelle il œuvre devant le tribunal, lorsqu'il est compétent; |
| 3° kugira inama urwego akoramo kugira ngo ibibazo bijyanye n'amategeko bikemuke bitarinze kujyanwa mu rukiko; | 3° to advise the institution for which he or she works on mechanisms to resolve any dispute without necessarily submitting such a dispute to the court; | 3° conseiller l'institution au sein de laquelle il œuvre à faire recours au mécanisme de résolution des différends à l'amiable avant que les litiges ne soient portés devant les juridictions; |
| 4° gutanga ihamagara n'izindi nyandiko zose zerekeranye n'icyo urwego ruregwa akazishyikiriza Intumwa Nkuru ya Leta; | 4° to issue summons and all documents related to the case against the institution to the Attorney General; | 4° remettre les assignations et tous les actes relatifs aux plaintes portées contre l'institution au Garde des Sceaux; |
| 5° gushyikiriza dosiye Intumwa Nkuru ya Leta iyo ikirego cyatanzwe n'ikigo cya Leta; | 5° to submit the file to the Attorney General in case the claim is filed by a public institution; | 5° soumettre le dossier au Garde des Sceaux au cas où la demande a été faite par une institution publique; |
| 6° gukurikirana ikirego kugeza kirangiye. | 6° to ensure a follow up of the case until its completion. | 6° assurer le suivi de l'affaire jusqu'à son achèvement. |

Inyandiko zivugwa mu gace ka 4° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo zigomba gutangwa mu gihe cy'iminsi ibiri (2) uherye aho umunyamategeko azibonera, iyo ikirego gitanzwe mu rukiko, kereka mu bihe bidasanze aho ihamagazwa rigomba gutangwa vuba bishoboka.

Documents referred to in item 4° of the Paragraph One of this Article shall be submitted within two (2) days from the date of their reception, when a claim is filed in the court, except in case of emergency where the summons shall be issued as soon as possible.

Les documents visées au point 4° de l'alinéa premier du présent article sont transmis dans les deux (2) jours après leur réception, lorsqu'une demande est déposée au tribunal, sauf en cas d'urgence lorsque la convocation doit être transmise aussi vite que possible.

Izo nyandiko ni izi zikurikira:

The documents are:

Ces documents comprennent:

- | | | |
|--|--|--|
| 1° inama yanditse umunyamategeko yakoreye ikigo mu rwego | 1° the written legal advice the legal officer provided to the institution; | 1° l'avis juridique écrit donnée par le juriste à l'institution; |
|--|--|--|

rw'amategeko;

2° inyandiko y'ipiganwa;	2° bidding document;	2° les documents d'appel d'offres;
3° amasezerano;	3° contract;	3° le contrat;
4° inyandiko ihagarika amasezerano igaragaza amakosa yabayeye;	4° a document on termination of the contract highlighting the errors that occurred;	4° le document de résiliation du contrat mettant en évidence les erreurs éventuellement commises;
5° urwandiko rusaba umukozi gutanga ibisobanuro mbere y'uko afatirwa icyemezo ku bijyanye n'imyifatire;	5° a letter requiring an employee to provide explanations before disciplinary action was taken;	5° une lettre demandant à un employé de fournir des explications avant que les mesures disciplinaires ne soient prises;
6° inyandiko ikubiyemo kwiregura k'umukozi;	6° a document containing defense arguments of the employee;	6° un document contenant des arguments de la défense de l'employé;
7° inyandiko ikubiyemo icyemezo gishobora gufatwa na Komisiyo Ishinzwe Abakozi ba Leta n'icyemezo cyafatirwa umukozi.	7° a document highlighting the possible decision of the Public Service Commission and the decision that may be taken against the employee.	7° un document mettant en évidence la position possible de la Commission de la fonction publique et de la décision prise à l'encontre de l'employé.

Ingingo ya 5: Kugaragaza neza amategeko akoreshwa no kuvugisha ukuri

Mu kugira Leta inama yo mu rwego rw'amategeko iyifasha gufata icyemezo, umunyamategeko agomba kugaragaza neza amategeko akoreshwa no kuvugisha ukuri, kabone n'aho iyo nama yaba izatuma urwego akoramo rutagera ku cyifuzo rwashakaga.

Inama mu rwego rw'amategeko igomba kuba isesenguye neza kandi irasa ku ntego inagaragaza imbogamizi zose mu rwego

Article 5: Accurate and honest appraisal of applicable law

A legal officer shall, when providing legal advice to guide Government's action, provide an accurate and honest appraisal of the applicable law, even if that advice may constrain the institution from pursuing its desired action.

The legal advice shall be well analysed and direct and shall identify all legal constraints. The legal advice shall also respect all other required legal

Article 5: Analyse précise et honnête de la loi applicable

En donnant les avis juridiques pour guider l'action gouvernementale, le juriste doit faire une analyse précise et honnête de la loi applicable, même si ce conseil enfreindrait l'institution à poursuivre l'action désirée.

L'avis juridique devrait être approfondie et franche, et il doit tenir compte de toutes les défis d'ordre juridique existants. Il doit prendre en

Official Gazette n° Special of 05/02/2016

rw'amategeko. Inama mu rwego rw'amategeko kandi igomba kubahiriza ibindi bisabwa mu rwego rw'amategeko kugira ngo imyanzuro itanzwe ibe ifatika ku mpande zose z'ikibazo.

Umunyamategeko agomba gukora ibishoboka kugira ngo inama atanga ibe ari iyo mu rwego rwo hejuru mu rwego rw'amategeko, igaragaza impande zose z'ikibazo, yerekana neza icyo amategeko ateganya, inatanga n'imyanzuro iboneye cyangwa ukundi byagenda.

Mu gihe umunyamategeko atanga inama mu by'amategeko, agomba gufata umwanya wo gukora ubushakashatsi ahantu hatandukanye, akagisha inama abanyamategeko bagenzi be bo mu nzego za Leta ku bijyanye n'ibibazo afite akanagaragaza amategeko akurikizwa yerekeranye n'ikibazo ngo asobanure imiterere y'ikibazo muri icyo kigo.

Mu gihe hari igihe gihagiye kandi bishoboka, umunyamategeko agomba gukusanya ibitekerezo by'abafatanyabikorwa bose ku kibazo, mbere y'uko atanga inama ya nyuma.

Ingingo ya 6: Guha agaciro inama umunyamategeko ahawe n'Intumwa Nkuru ya Leta

Umunyamategeko agomba guha agaciro inama agirwa n'Intumwa Nkuru ya Leta, nk'Umujyanama mukuru wa Leta kandi ntagomba gukora ibitandukanye na yo batabanje kugisha inama no kubyumvikanaho na Serivisi

requirements in order to produce substantial arguments on all aspects of the case.

A legal officer shall ensure that the legal advice provided is of the highest possible quality, it identifies all aspects of the case, and shall indicate the provisions of the law and proposes the best possible recommendations or options.

A legal officer shall, while providing legal advice, take ample time to conduct research from different places, consult with fellow Public Sector lawyers on the issues and indicate specific applicable laws related to the issue at hand in order to help explain the nature of the issue in the institution.

Whenever time and circumstances permit, the legal officer shall seek the views of all stakeholders in the case before giving his/her final advice.

Article 6: Due respect of the Attorney General's opinion

A legal officer shall consider the opinion provided by Attorney General as the Government's Chief Legal Advisor and the legal officer shall not derogate from opinion of the Attorney General without consulting and

considération toutes les exigences légales en la matière et fournir des arguments substantiels sur tous les aspects de la question.

Le juriste doit s'assurer que l'avis juridique fourni est de la plus haute qualité possible, fait état de tous les aspects de la question, reflète clairement les dispositions légales applicables et dégage les meilleures recommandations ou d'autres solutions possibles.

Pour donner son avis juridique, le juriste doit faire recours aux différentes sources possibles, consulter les autres juristes œuvrant au sein du secteur public sur les questions et citer des lois applicables au cas d'espèce pour faciliter de discerner la question auquel fait face l'institution.

Lorsque le temps et les circonstances le permettent, le juriste doit demander l'avis de toutes les parties concernées avant de donner son avis définitif.

Article 6: Se rallier à l'avis du Garde des Sceaux

